KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU
B.P. 269 Kigali -
Website : http://www.cndp.org.rw
Twitter : @HumanRightsRW
Facebook : NCHR

ITANGAZO RIHAMAGARIRA ABABYIFUZA GUTANGA KANDIDATIRE KU MWANYA W'UBUKOMISERI MURI KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU

Hashingiwe ku Itegeko Nº 024/2026 ryo ku wa 11/06/2026 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, cyane cyane mu ngingo ya 15 n'iya 16;

Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, iramenyesha abantu ko hari imyanya 3 ikenewemo abakomiseri.

Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri iramenyesha abujuje ibisabwa baturuka mu nzego zivugwa hepfo, kuyishyikiriza dosiye za kandidatire zabo ku mwanya w'**Ubukomiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu**.

Abakomiseri baturuka mu nzego zikurikira:

1) Muri sosiyete sivile, cyane cyane mu miryango itari iya Leta iharanira guteza imbere no kurengera Uburenganzira bwa Muntu ;
2) Mu mashuri makuru ya Leta n'ayigenga ;
3) Mu nzego za Leta ;
4) No mu nzego z'abikorera.

I. Kugira ngo umuntu abe Umukomiseri agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1) Kuba ari Umunyarwanda;
2) Kuba ari inyangamugayo;
3) Kuba afite ubunararibonye mu mirimo y'ubuyobozi mu nzego za Leta cyangwa izitari iza Leta ;
4) Kuba atarahamijwe burundu n'inkiko icyaha cya Jenoside, icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyaha bifitanye isano na yo ;
5) Kuba atarahamijwe burundu n'Inkiko ibyaha by'intambara cyangwa ibyaha byibasiye inyoko muntu ;
6) Kandi atarakatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi 6 mu rubanza rwabaye ndakuka.

II. Dosiye y'umukandida igomba kuba ikubiyemo ibi bikurikira :

1) Ibaruwa itanga kandidatire ku mwanya w'ubukomiseri yandikiwe Perezida wa Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;
2) Kopi y'indangamuntu;
3) Icyemezo cy'uko atakatiwe n'inkiko burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);
4) Inyandiko Igaragaza umwirondoro (Curriculum vitae) ;
5) Kopi y'impamyabumenyi z'amashuli yize;
6) Icyemezo kigaragaza ubunararibonye mu mirimo y'Ubuyobozi mu nzego za Leta cyangwa izitari iza Leta ;
7) Icyemezo ahabwa n'uhagarariye rumwe mu nzego zavuzwe haruguru.

III. Uko kandidatire itangwa

Dosiye yo gutanga kandidatire igomba koherezwa bitarenze tariki ya 31/07/2026 saa kumi nimwe (17h00) kuri Email : commissioners.recruit@cndp.org.rw

Impamvu y'ubutumwa igomba kuba: *Gutanga kandidatire ku mwanya w'ubukomiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.*

Abakandida bazaba bujuje ibisabwa bazamenyeshwa igihe n'aho bazakorera ibiganiro.

Ku bindi bisobanuro byakenerwa, mwahamagara kuri telefone igendanwa 0788652930.

Bikorewe i Kigali, ku wa 17/07/2026

CSCC/NCHR

Dr. MULEEFU Alphonse

Perezida wa Komite